45

MURENGERANTWALI Félicien

Petit Séminaire KANSI.

Umutegarugoli

N'Amajyambere.

Irushanwa ly'ubwanditsi 1975.

# INTANGILIRO.

Dore rubyiruko Rwanda rw'ejo
Ibyo mbabwira mubibyirukane
Dukuze u Rwanda rwatubyaye
Tumenye ibyiza byinshi rufite
Turwitangire ukwo bikwiye
Tumenye kubaha abatutegeka
Duhe ababyeyi umwanya bafite
Twige gukunda u Rwanda rwacu
Ejo tuzamenye kurupfira
Tutipfubya mu kurukorera
Namwe rero bategarugoli
Nimwishime igihe kirageze
Umwanya wanyu nguyu uraje
Bulya byose nimwe mubikora
Ngo ukurusha akurusha umugore
Kandi imbaraga ngo zive munda
Iyo mugabulira abagabo banyu
Bakora neza akazi bashinzwe
Bigatuma u Rwanda ruzamuka
Si uguteka gusa mushinzwe
Ubu mushinzwe ibintu byinshi
Mbese byose kimwe n'abagabo
Si ukureba ngo ni umugore
Ni ukureba ko mubishoboye
Nta kwishingikiliza ku bitsina gusa.
Nimwidagadure munezerwe
N'abibumbye barabimenye
Batangaza ko uyu mwaka
Ali umwaka w'abategarugoli.
Mu Rwanda rero babyumvise
Ntibabiretse ngo byihitire

.../...

Berekanye yuko nabo bibarora.
Babyakirana ibyishimo
Ni uko rero bategarugoli
Nimuzamuke nta gutinya
Mudatezuka guteza imbere
U Rwanda rwacu rwatubyaye.
Nimuha abana umutima mwiza
Bazabyirukana ubwitonzi.
Bazamure igihugu cyabo
Bazitegekane urwo rukundo.
Mwabaraze kuva bavuka.
Mukwiye impundu murakaramba
Nimurukorere murabikwiye.
Nimujijure abana banyu
Mubigishe ibyiza byinshi
Mubategulire inzira nziza
Nimubarinde ababisha benshi.
Nimubashakire inshuti nziza
Ejo bazagire ibyishimo.
Bulya ga umwana apfa mu iterura
Nimutunganye izo nzira zose
Mugaha abana uburere bwiza
Bazabyirukana nta kabuza
Ikibaranga kibe umurava
Nimubona rero ibikorwa byabo
Muzishima mukishoboye.
Mugifatanyije ako kazi kose
Nimunasaza muzasurwa
Muzasongerwe n'abuzukuru
Ndetse n'ubuvivi muzabubona
Muzasaze munezerewe.
Ni uko rero nshuti z'u Rwanda
Turwitangire birakwiye.
Nitwihatire kurukorera
Nidusakaze ubumwe n'amahoro
U Rwanda rwose rugire ituze.

Tudedendeze mu bwigenge
Tutikanga ibidukomakoma
Ngo biduteshe intego yacu.
Kugirango rero ibyo tubigereho
Nitwihate imilimo yose.
Tutirengagije imwe muliyo
Nkuko benshi babikoraga
Ngo isuka ntibangikana n'ikaramu.
-Imico myiza ntituyitangwe
Ingero nyinshi turazihabwa
Tumenye ibyiza by'abakera
Tubyuzulishe ibyo mu mahanga
Bityo dukunde dutere imbere
Tumenye intwali z'abanyarwanda
Zarukoreye kuva zivuka
Zikaruvana mu bukolonize
Zikarugeza mu bwigenge.
Ndetse na n'ubu tuligenge
Ingabo z'u Rwanda nicyozireba
Aho rukomeye ntizihatangwa.
Ziraturwanaho ubudahwema.
Zikwiye impundu zirakaramba.
Ngo ziturwaneho ukwo bisanzwe.
Iyo mico myiza nyine ituranga
Niyo itubeshejeho na n'ubu.
Abanyamahanga baradusura
Barahagenda batijanwa
Twabakenera bakadusanga
Byaba ngombwa bakanadufasha.
Aliko natwe ntidukumirwa
Na limwe rwose ntibaduheza
Baradusura tukabasura
Tukamenya ibyiza badutanze

Ubwo tukabizana ino mu Rwanda
Tukabikoresha ibyacu.
Bityo natwe tugatera imbere
Ababyeyi bacu babikunze
Bakitanga batizigamye
Baduhaye urugero rwiza
Bitegereje abanyamahanga
Babigisha ibintu byinshi.
Bamenya amabanga ibitabo bihisha.
Biyegereje ba Terebura
Babigisha ibya Nyagasani
Babigisha n'iby'inyandiko
Nk'aka kanya bamenya gusoma
Reka ibyo kwandika byo ni mpfane.
Abanyarwanda ubu barabizi
Nta babanga akili muli ibyo.
Bicyaduka aliko biba iby'abagabo
Umugore agitinya kugera hanze
Ngo arore ibyiza u Rwanda rufite
Agahora mu nzu ntatarabuke
Ngo agere hanze amenye ibyo byose.
Buhoro buhoro aratinyuka
Umukobwa atangira kujya kwiga
Wajya mu ishuli ukabahasanga
Aliko ugasanga ali bake cyane.
Arajijuka ngo ng'urabe.
Kwa Muganga ntiyahatangwa.
Amenya kuvura no kwigisha
Amenya guteka ibya kizungu
Kurera abana byo birasanzwe.
Reka turebe iby'abakera
Tumenye ibyiza badutanze
Tubisubireho bifite akamaro
Tumenye n'ibindi bitadukwiye

.../...

Bakeragr mu gihe cyabo
Tubyilinde kuko bishaje.
Turebe umwanya w'umutegarugoli
Kuva gihanga yaruhanga.
Kugeza n'ubu mu bwigenge.

## IGICE CYA MBERE:

### Umutegarugoli wo hambere.

### I. Ummwali wa kera

Dore ibi byose mubona k'ubu
Ali ububandi ali ubuhabara
Ali uburaya n'ubwomanzi
Ubushomeri ndetse n'ibindi
Byose bije vuba ahangaha.
Uko ibyiza bitera imbere
Ukwo amajyambere ashinga imizi
Ukwo ubuhanga bwiyongera
Niko ubucakura n'ubucerembyi.
Ubugome bwinshi n'ubwomanzi
Bufata intara nyinshi cyane
Bukiyongera ijro n'umunsi
Bugasagamba u Rwanda rwose
Bukiyegulira ingabo n'izindi
Agatsinda bungutse inzira nyinshi
Bakurulisha izo mbaga zose
Bagira utugambo turyoheye amatwi
Bakagira imyenda itarenga intege.
Bakisiga amavuta meza
Aho banyuze ubwo hagatama.
Wakubita amaso urwo rusamaza
Amazi menshi akuzura akanwa
waba utazi kubilinda
Bakagutwara umutima rwose.

.../...

Aho baraye ntuhatangwe
Ugahungetwa ukabakurikira
Ubwo ukabahonga icyagutunze
Ugitungisha ibyo byomanzi
Naho wowe **ugasigara** wigunze.
Aliko kandi ibyo bije vuba
Kera u Rwanda rwali rwiza
Ubwo buraya butarurangwa
Umwali acumva inama agirwa
Akiguma iwabo ntarubunge
Ngo ejo adahura n'abangabo
Babonona ntibabatunge
Bakabatesha ishema n'isheja
Bakabatesha ubusugi bwabo
Bakabahindura ibyo manzi.
Dore ukwo byali bimeze.
Umukobwa yabaga iwabo imuhira
Ntatarabuke ngo agere hanze.
Agakora byinshi afasha ababyeyi
Akavoma amazi agatashya udukwi
Akarera abana ndetse agateka
Agakora mbese iby'urugo byose.
Waza imuhira ukahamusanga
Akagusuhuzanya ubwitonzi.
Akaguha agatebe ugashyika hasi
Ubwo akagutekerera agatabi
Akigira iyo mu kirambi.
Mukaganira ali iyo ngiyo
yibohera ibyibo cyangwa se imice.
Ibirago yenda se ibiseke.
Ngo utamureba isoni zikaza
Akabura icyo avuga akamanjirwa

Iwabo baza akaba arakijijwe
Kuva ubwo ntakome ntacire.
Ndetse ukagirango yanagiye.
Nyamara akili iyo ugutwi akubanze
Icyo muvuze cyose akagitwa mu gutwi
Agirango atore umuco w'igihugu
Amenye ibyo byose umugore ashinzwe
Waba usezeye ukabona araje
Akaguherekeza yihuta
Yarenga irembo ati:erega urabeho
Ubwo ga akagenda utamenye ukwo asa
Kandi mwamarana umwanya munini
Wagera hilya uti alitonda.
Waba rero ufite umuhungu
Ugimbutse ukwiye umugore
Wagera imuhira ukabimubwira
Uti: nabonye umwali mwiza
Alitonda kurusha intama
Atambuke nk'inka ikutse.
Kandi yubaha by'akarenga
Niba umushaka rero umbwire
Njye kumukwakira se ndamuzi
Wa musore rero ubwiwe
Yalita mu gutwi ubwo agasigara
Akabifata uko abyumvise.
Nta neshaka no kumureba.
Ngo amushime cyangwa se amugaye.
Kuva uwo munsi ubwo akamurota
Atanamuzi ataramubona
Se yaba atinze kujya kumusaba
Sinakubwira rukambikana
Akamutota ijoro n'umunsi
Akamutota amanywa y'ihangu
Nta nakweme igicuku kinishye

Ati: ndashaje ndarengeranye
Ubu mba mbyaye kane gatanu
Kandi yenda akili umwana
Afite imyaka cumi n'icyenda.
Naho nyamukobwa atazi ibikorwa
Habe n'agahulihuri kabyo
Kuko nyine ntaho aba yagiye
Akazabimenya bishyize kera
Igihe cyo gusaba cyegereje.

## 2. ISABWA N'IRONGORWA LYA KERA.

Dore ubu umuntu asaba uwo akunda
Basanzwe baziranye na kera
Baravuganye ibintu byinshi
Mbese bemrranyijwe rwose
Aliko kandi ibyo si karande
Siko bisanzwe mu kinyarwanda
Byose bije vuba ahangaha
Aho amajyambere atereye imbere
Abantu bose bakajijuka
Bakifuza kuganira
Ngo bungurane ibitekerezo
Aho gutinyana nk'inyamaswa
Ngo bigunge mu kazu kabo
Bakore bonyine ibibatunga
Bakikota ijxa ijoro n'umunsi
Ngo ejo batazabura ikibatunga
Aliko ukwo kutagenda kwica byinshi
Kuko wibumbira aho utuye
Ntushibure ngo ugere ahandi
Ngo urebe naho icyo bagutanze
Ngo mwungurane ibitekerezo
Ni nayo mpamvu amapfa yateye
Akabatsembamo ingabo nyinshi.

.../...

Abayirokotse ni mbarwa rwose
Za Kazuba, za Rumanura
Za gakwege na Ruzagayura
Zali zitwagilije simbabeshya
Ngo ukize inkuba arayiganira
N'ubungubu inzara ga zibaho
Uretse yuko amasoko yaje
No mu mahanga bakaba batuvuna
Bitewe nukwo kuganira
Mukungurana ibitekerezo.
Ibyo sabwa rero ly'abakera
Byali ibintu bitangaje
Ku bulyo ab'ubu tutanabyumva
Twanabyumva bikadutonda
Ubwo tukabyanga tutizigamye
Abenshi muli twe ~~bagasizaxxa~~ bagasizora
Ngo reka ntabwo ibyo twabikora
Nyamara ieyo bavuka kugihe cyabo
Bali gusanga ibyo alibyo byiza
Erega ikiliho nicyo gikundwa
Ngo n'ugiye i Bulyasazi
Numva bavuga ngo azimira nzima
Ukwo tugaya rero abo bakera
Ngo ibyo bakoraga biteye isoni
Nabo bagayaga ab 'imbere yabo
Kandi natwe bazatugaya
Ikintu cyose mu gihe cyacyo
Ubonye umugore wambaye inkanda
Wahita uvuga ko ar'umusazi.
Kuko ubu imyenda yageze hose
Nyamara kera uwabaga ayifite
Niwe wabaga yalimbye.

.../...

Ilyo sabwa rero ni kimwe ni lyo
Koko ntitwumva ubulyo ababyeyi
Ali ab'umuhungu ali ab'umukobwa
Bategekaga abana babo
Abo bagomba kuzabana
Kuzabana ubuzima bwose
Kuzabana no mu magorwa
Kuzabana batazirانye
Kuzabana akaramata.
-Ilyo sabwa rero ly'abakera
Ali umuhungu ali umukobwa
Batali baziranyeho na gato
Ngo baganire iby'urugo rwabo
Barebere hamwe imishinga yarwo
Twebwe twumva bitorohoje
Reka binaruhanye bifite aho biva
Intango yabyo ntiba ikomeye
Dore ukwo kera byagendaga
Habaga umubyeyi ufite umuhungu
Hakaba n'undi ufite umukobwa
Bakaba akenshi bahogoroye
Bali ku kagwa baganira
Baganira iby'ingo zabo
Baganira ubucuti bwabo
Bakagera naho inka bazihana
Ndetse n'abana bakabahana
Umwe ati: jyewe mfite umuhungu
Ugimbutse ukwiye gushaka
Undi ati: wivunika nshuti tunywana
Byikubabaza mfite umukobwa
Ushake inkwano ejo uyinzanire

Maze ejobundi uzamutware
Ubwo amasezerano akuzurira aho
Ngo bucye kabili inkwano ikaza
Yaba inka cyangwa se amasuka
Bitewe n'ubukire n'umutungo
Mugihe utunze utanga inka nyine
Wa udatunze ugakwa ayo masuka
Cyangwa se yenda bukaba ubuntu.
Reka ubwo inzoga nyinshi zikanyobwa
Umusore atazi uwo bamusabiye
Ndetse n'umukobwa axaxix ataramubona
Aliko bose bakishima
Kubera yuko bazamutse
Baretse kwitwa ba Rubyogo
Cyangwa yenda Nyiragashwali.
Kuva uwo munsi bakitonda
Ngo ejo batabengana bakagumirwa.
Imilimo rero ikababona mmx ubwo
Ubwo umuhungu akajya gusiza
Agatema ibiti akanabitunda
Nk'aka kanya inzu akayishinga
Nyamara ibyo byose ali nako ahinga
Bityo akagenda abibangikanya
Mbese ugasanga akwiye umugore.
Reka n'ahandi ubwo biga cika
Wa mukobwa aboha imisambi
Akaboha uduseke, akaboha ibyibo
Kugirango iwabo asige ali heza
Bajye bamwibuka bamusure
Mugihe azaba ali kure yabo.
Byamara rero gutungana
Inzu nyamuhungu yayinweje

Urugo n'igikali bitunganye
Se w'umuhungu agashaka inzoga
Akajya kureba se w'umukobwa
Bakamwakirana ibyishimo
Bakamuha uruhisho bamuhishiye
Akitonda agasama umutima
Sinakubwira akaganira
Akavuga icyamuzinduye ngahongaho
Ati: ibyo twavuganye urabizi
Mfite umuhungu ufite umukobwa
Warambwiye ngo nzane inkwano
None ngaho narayibonye
Narayiguhaye warayishimye
Ukaba rero wampa ibyange
Nkuko ibyawe natiguhaye.
Bakavaho bemaranyijwe umunsi
Umushyitsi agaherekezwa yishimye
Naho bagasigara bishimye
Kuva uwo munsi ubwo bigacika
Bagacicikana kakahanyura
Bagakora hepfo bagakora ruguru
Hali umuhungu ubaza utunama
Tw'ukuntu azashobora gutegeka urugo
Bakamubwira bati muhungu
Abagore b'ubu ntubayobewe
(Erega buli ngoma ngo igira ab'ubu
Utamukangaye mugihararanye
Ukamubwira nk'umuhakwaho
Ngo enda hano disi mbone icyo nkubaza
Iyo muhararukanye biracika.
Kuko iyo utakimwita "disi weya"
Agirango ahali usigaye umwanga.

Wagirango uravuze akazinga umunya
Washyiraho irindi rukambikana.
Ndetse byalimba akanahukana
Ubusilibateri ukabusubiramo
Iby'iwawe bikaba amaraso
Naho rero iyo ubimutoje
Yaba akiza ukumutunalika
Ahora agutinya ngo uli igikenya
Akitonda ubwo mukabana.
Bulya aliko kandi mu Kinyarwanda
Ngo umwanzi agucira akobo
Bulya ngo Immana igucira akanzu.
Ukwo umuhungu agirwa inama
Nikwo n'umukobwa baezimugira
Bati: umva shenge niwowe ubwirwa
Wowe ugiye kuba umubyeyi
Ukarera abana
Ugatega urugoli
Bakajya bakwita
Rugoli rwera
Umenye neza umugabo wawe.
Umenye yuko aliwe ugutegeka
Iga kumutekerera agatabi
Menya kumunombera imboga nziza
Niziba na nkeya uzimuzigamire
Kjo atagukekaho umururumba
Akagusenda igicuku kinishye
Ijoro likakunihiraho uhwibaguza
Uhihibiza ugana iy'iwanyu.
Atagusenda amanywa y'ihangu
Ukiha amenyo y'isi yose

.../...

Ugashimisha abanzi bawe
Abakunzi bawe bo bakulirira
Naho ibyo ababyeyi byo murabizi
Bakore hilya bakore hino
Birukanke abapfumu benshi
Babasiganuza iby'ubwo bukwe.
Ubwo banjurwe baterekera
Mu gihe ziteze babihagalike
Niba zeze reka bakabandwa
Guterekera byo birasanzwe
Kugirango umwana agire amahirwe
Agire urugwiro, agire ubukungu.
Abyare abana agire n'amahoro
Arambe kw'isi yuzukuruze
Ndetse n'ubuvivi abubone akiliho.
Reka wa munsi rero uzaze
Iwabo w'umuhungu biteguye
Inzoga ziterekeranye inzu zose
Ibyishimo byabasaze
Bategereje umugeni waho.
Iwabo w'imikobwa nabo bakubana
Umugeni bamuteze amasunzu
Abakwe muhani babatoye
N'umutinyisha bamushatse
Ingobyi nziza bayishatse
Abahetsi benshi xx biteguye
Bakazingura inkanda nshya shya
Maze bakayambika wa mugeni
Bagahengera nimugoroba
Bakamuheka muli iyo ngobyi
Bakamujyana batanyiganyiga
Bagana iyo ngiyo bamutegereje.

Baba bagihinguka mu marembo
Bakababakirana ibyishimo
Reka ubwo imihango ikahaba myinshi
Bakabatera ubwo ibyuhagiro
Umugeni agatamilizwa iyo myishywa
Maze bagatangira iby'ubwo bukwe
Naho rero umugeni wawe
Bakamutwara bamuhishiliye
Ku bulyo abenshi batanamubona
Bamwerekeza iyo mu kirambi
Inzoga nyinshi ubwo zikanyobwa
Ali abahetsi ali abatumirwa
Ali abasangwa ali n'abavumbyi
Bose bizihiza uwo munsi
Reka bakivuga bigacika
Bakabyina cyane
Bakalilimba bilyohereye
Mbese ukumva utahatangwa.
Bigashyira kera bakililimba.
Se w'umuhungu agafata ijambo
Akavuga ashimira abo yatumiye
Kuba bamwibutse ntibatinde
Bakaba bamuzaniye umugeni
Nk'uko nawe ubwe yabyifuzaga.
Ubwo ga agasezerera abatumirwa
Amaze kubatekerera agatabi
N'inzoga y'impamba bayihawe.
Rubanda rwose ubwo bagataha
Maze wa musore akaza munzu
At: ndashaka umugore wanjye

.../...

Tujye kuryama igihe kiracumye
Se akamubwira ati: birakwiye
Aliko kandi aracyanzniwe
Genda ulyame uzamubona ejo.
Wa muhungu akabura icyo avuga
Aliko kandi ku kanyabugabo
Ukabona aliyongeje ati: yewe
Erega ndashaka no kumureba
Muzi yuko ntaramubona
Bati: jya kulyama uzamubona ejo
Umenya ushaka kumwibuza da.
Wa muhungu akabua icyo avuga
Akimyoza maze agasohoka
Ukaba wakeka ndetse ko akubiswe
yagera mu rugo iwe akugalira
mbere yo kulyama agafata akagwa
Maze agatangira gutakamba
Akiyumvira , akijujuta
Hashira umwanya akajya ku bulili
Kugirango ahunge ibitekerezo
Ngo asinzire ukwo bisanzwe
yagera ku bulili akabura ibitotsi
Akiruhutsa akabura icyo akora
Maze agatangira kunywa itabi
yarasanzwe yenda atarinywa
Bitewe nukwo yabuze ibitotsi
Agakora hepfo ruguru
yagira Immana bugatandukana
Maze akabyuka ajya gusuhuza
wa mugore ataramubona
Agakora uko ashoboye

.../...

Kugirango amubone
Aliko akagenda batanavuganye
Hagashira iminsi ataramubona
Kuko niyo yabaga aje kumuraza
Bamuzanaga igicuku kinishye
Kandi akabyuka kare cyane
Igihe umuntu aba atabona undi
Maze akigira iyo mugikari
Iyo mu gikali kwa sebukwe
gisobetse cyane ngo ng'urebe
Kuva hasi kugera hejuru
Ku bulyo n'ijisho litakimena
Niho uwo mugeni attinyira igihe kinini
Mu gihe akibona za nyabitabo,
Ndetse bamwe numva babikabiliza
Ngo yihishaga cyane umugabo we
ku bulyo hashira igihe kinini
Ndetse ngo agatwite ataramubona.

## 3.GUTINYA NO GUTINYISHA.

Ndasiga nsiganuza ibyanshobeye
Ntaliyumvisha kugeza n'ubu
Ni ibyo by'urukundo rw'abakera
Ku muntu utazi utaranabona
Bakamugusabira ga mukabana
Ukamukunda nkaho umuzi
Bitewe n'ukwo ngo so aziranye na se
Numva ibyo bigomba ubugabo cyane
Ab'ubu rwose tutageraho
Tunabigezeho ntibyaramba.
Kuko umunsi yaje tutamubonye
Umenya byose byashirira aho

Maze bikaba ukwo byakabaye.
Ubugabo rero bw'abakera
N'ubu nshima aho nabamenyeye
Ni ukwo bubahaga ababyeyi
Bagashimishwa no kubakunda
Bakabilingira muli byose
Kugeza naho abo bakunda
Babakundisha abana babo
Bakabashakiramo n'abagore
Bakirana ibyishimo
Bakazabana ubuzima bwose
Mbere batali baziranye ho nagato.
Ilyo tinya rero ubu mujya mwumva
Ahanini impamvu ni iyo ngiyo
Nawe umuntu utazi na buke
Ntimwahura ngo musamare
Cyane cyane abo bakera
Bali bagitinyana bigaragara.
Umugeni yazaga nimugoroba
Umutinyisha amugaragiye
Akaza ntakome ntacire
Bamuha inzoga ati sinyikozwa
B-amuha amata ati: sinshaka.
Bamugaburira ati: ndwaye inzoka
Bati: dore ubulili jya kuruhuka
Yenda ahari ejo uzoroherwa
Agafata ubulili akajya kxjxxmx kulyama
Abandi ubwo inzoga bakazihonda
Abatanywa izo nzoga bakabaha amata
Bakabagaburira bakica inzara

.../...

Bakaganira bakadamarara
Naho undi inzara xxxxxxx imugeze ku butsi
Kandi atabuze ibilyo bihali.
Aliko kandi kuko ali ngombwa
Ngo yagombaga kwigira ibyo byose
Byali biharawe muli icyo gihe
Nibwo bamwe rero bibisahiranda
Bahurumbaga ijoro lyose
Mu gihe abandi batabareba
Bakinyobobeka bakajya kubilya
Kandi babyanze igihe babibaha.
Reka bakazinduka ijoro lyose
Bagakubura urwo rugo rwose
Bugasesura bahagerereye
Maze barangiza bagakaraba
Bakitotobeka amavuta menshi
Bakitonda bagatimakaza
Iyo mu bikali bisobekeranye
Baboha imisambi
Hamwe n'ibiseke
Umugeni wawe aboha nyabitabo
Azatura kwa nyirabukwe
Ngo amwereke yuko nawe azi kuboha.
Urumva yuko bikorwa iminsi
Kuboha ikibo ntibyorophye.
Muli iyo minsi rero mwumva
Umugabo yabaga ataramubona
Atazi ukwo asa rwose na gato
Kuko iyo yumvaga ageze mu rugo
yaramuhungaga akajya munzu
Umusore wawe utazi n'umwe

.../...

Yaba abonye umutinyisha
Agakeka ko ali umugeniwe abonye
Kubera yuko ataramubona.
Aliko ngo ntagahora gihanze
Bamara gutwikurura bigashira
Umugeni agakunda agatinyuka
Umutinyisha bakamuhemba
Bakamuha igitungwa ubwo akakijyana
Maze wa mugeni akamuherekeza
Akagera hanze akamenya ibihali
Akitonda akahamenyera
Akajya kuvoma, akajya gukura
Akajya guhinga akajya kubagara
Iby'urugo byose bikamureba
Agafatanya imilimo n'umugabo we
Mbese ugasanga bitunganye.

4.UMWANYA W'UMUTEGARUGOLI MU RWANDA
RWO HAMBERE.

Umugore arubahwa birasanzwe
Ibyo si iby'ubu ni akarande
Kera rero mbese nk'ubu
Umugore yarubahwaga bikabije
yabyara umwana bakamuhemba
Agatega urugoli rwababyeyi
Rumwubahiriza aho aliho hose.
Ndetse no mu rugo akagira ijambo
Si uko mu mahanga ngo yali nk'umuja
Nta gaciro afite habe nabusa.
Naho mu Rwanda umugore yarubahwaga
Akarera abana akabamukura
Akubaha umugabo we ahaliho hose
Yali igicumbi cy'urugo mbese
Akagira inshuti zihaje.
Akazitekerera agatabi
Akazizimanira ubwitonzi
Umutima mwiza akawu-

.../...

zisaza, Maze akaziherekeza zigataha.
Zikajya zihaza zitijanwa
Umugabo yaza akabimubwira
Maze ugasanga bitunganye
Nu kazi ntho ntahatangwe
Umugore agahingana n'umugabo we
Umugabo yataha undi akahasigara
Atera intabire ngo itumirana
Yatahuka nimugoroba
Akajya kuvoma maze agateka
Umugabo yarebye aho aba agiye
Akabunguka ijoro likambye.
Yenda akaza yahogoroye
Akenshi akaza yitotomba
Atonganya uwo mugorewe
Ngo kuki yugaliye ataraza
Yaba asanze atarugalira
Ngo kuki atugaliye amarembo
Ntabone yuko igicuku kinishye.
Nubwo rero umugore yubahwaga
Abagabo benshi bali bazi
Ko nta nama umugore atanga
Bakanasuzugurwa bikabije
Hxxgabaxxwabagixhagaxinama
Umugabo wabagishaga inama.
Ninayo mpamvu abenshi mulibo
Babatungaga nk'abacakara
Bakihata kugira benshi
Bakababakubita kurusha indogobe
Zimwe njya mbona zitwara ibumba.
Impamvu rero zo kubagwiza

.../...

Umugabo wagiraga abagore benshi
Ntabwo yongeraga guhinga.
Abagore rero bakikota
Nawe akibera nk'uwabigwije.
Aho kubatunga bakamutunga
Ukwo mubyumva rero namwe
Umugore nta burenganzira yagiraga
Ku bulyo bwashyika ubw'abagabo
Nkuko tubibona muli iki gihe
Kandi ibyo ntabwo bitang'je
Kuko umugore atatarabukaga
Ngo agere hanze amenye ibihakorwa
Maze nawe ashaka kuzamuka
Ahubwo yakundaga kubaliliza
Ibyo abakera ngo abikulikize
Ntamenye yuko ibihe bihinduka
Abantu bungutse ibitekerezo.
Iyo niyo mpamvu rero ahanini
Abagore bubahaga bikomeye
Umugabo wabo ntanababakunda.
Kuko nyine byali ibintu bisanzwe
Aliko kandi tudakabije
Abenshi babanaga neza
Bakajya inama aho aliko hose
Maze ugasanga banezerewe
Bakabyara abana bakabagwiza
Bakabana neza ubuzima bwose
Kurusha nobubu bajijutse
Bakamenya yuko abantu ali kimwe
Ali abahungu ali abakobwa
Ko nta busumbane mu mavuko

.../...

Ko nta n'akarusho umugabo akwiye.
Ahubwo byose ali urukundo
Rutuma urugo ruzamuka
Rukagira ikx ituze rukiyungura
Ko nta butegetsi ubu bw'akarenga
Umugabo agomba kugira mu rugo
Ngo niba ahingutse bikange
Umwana mu rugo ahinde umushyitsi
Umugore agishe umutima inama
Nk'aho urwo rugo batarufatanya
Ko urugo rushaborwa n'ukumvikana
Bugisha inama umugore atunze
Bugisha inama umugabo wawe
Ndetse n'umwana akabona ijambo
Naze urukundo rukaba rwose
Aho gushaka inzaratsi zica
Zikica umwana waziteze umugabo
Zikica umugenzi ukugendereye
Zikica mbese uwo utanashaka
Bitewe n'uko ubajije nabi
Ushaka ibintu byagukijije
Ngo wikundishe umugabo wawe
Bakaguhereza ibigucuza
Bikagucuza umwana ubyaye
Bikagucuza inshuti munywana
Bikagutesha umugabo xxxxxx wawe
Bikagutesha umutima rwose
Bikakugira mudakoreka
Umuvandimwe wawe akaguha akato
Uwagukundaga mugatana
Urwanda ukarumura urweyera.
Cyakora tugereranyije n'ahandi
N'aha hafi muli Afrika

.../...

Dusanga mu Rwanda uko biri kose
Dufite ikintu turusha ahandi
Ku bulyo bwo kubaha abategarugoli
Kuva na kera ukwo njya mbyumva
Umore yitwaga Nyampinga
Akarangwa n'ubwuzu bwa kibyeyi
Aho ageze hose hakaba amahoro
Ahandi rero muli Afrika
Basuzuguraga abagore babo
Babatungaga nk'amatungo
Bakabagwiza kuko babyara
Bakabadiha ijoro n'umunsi
Bakabatizanya nk'inpfizi
Mbese nta rukundo rul-imo
Naho mu Rwanda rw'abakera
Nubwo bamwe bashakaga benshi
Batabakunda ibyo murabyumva
Ntibaburaga kwiyerurutsa
Bakabaha icyubahiro mu bandi
Kuko igihe utubashye ab'iwawe
Abantu babibona ku mugaragaro
Baragusuzugura bikabije
Naho ugiye ukabura ijambo
Ibyo birasanzwe mu kinyarwanda.

## 5. GUTSINDA BITERWA N'IKI?

Hali ibintu byinshi dukora
Tutabitekerejeho na gato
Bitewe ahanini n'akamenyero
Twashaka impamvu tubikora dutyo

Abenshi ugasanga tumanjirwa
Tukabura icyo tuvuga tukalya indimi
Twajya gusubiza bikadutonda
Ngo ni ukwo bimeze nta kundi
Abantu bose niko bagenza
Aliko kandi ugiye ureba
Ukitonda maze ukabicengera
~~Mkakazaxwazangaxxihalixrwasex~~
Ukabaze impamvu babikora batyo
Bulya wasanga zihali rwose.
Dutange mbese urugero rw'ibyo:
Umwana ugitangira guca akenge
Akubaza ibibazo byinshi c-yane
Ndetse bimwe muli byo bikatunanira
Akenshi rero tukababeshya.
Nk'iyo umwana alyamye acuramye
Ababyeyi Usanga batabikunda
Ndetse bamwe bakanabimuhora
Nyamara yaba abajije impamvu
Abenshi ntibashobora gusubiza
Aliko bazi ko ali bibi
N'iki kibazo ubu kitureba
Ikingiki cyerekeye gutsinda
n'Ubu benshi babyizikaho
Ngo ntibavuga izina lya Sebukwe
Cyangwa yenda se ibya nyirabukwe
Nyamara iyo ugiye ubabaza impamvu
~~Kanskixmulixwaxntikagusubxza~~
~~kukaxgusubizaxbakagukulika~~
Benshi mulibo ntibagusubiza
Kuko nabo ubwabo batabishoboye
Bajya gusubiza bakaguhulika.

.../...

Ngo niko bigenda mu kinyarwanda
Abagore bose niko bagenza
Kera rero ho byaribindi
Ibintu byinshi bikizilililizwa
N'iyo umukazana yibagirwaga
Akavuga izina lya Sebukwe
Cyaba igitutsi kitoroheje
Abenshi mulibo babikomeyemo
Bakamusendesha uwo munsi
Twitonze rero tukabireba
Twasanga ibyo byo gutsinda
Biva ku cyubahiro gikomeye
Umugore agomba kugira imbere ya Sebukwe
Ni nayo mpamvu n'ubungubu
Uwo muhango utanacika
Nubwo gusenda byo bitakibaho
Koko witonze ukagenzura
Wasanga urugo mu Rwanda
Atali urw'umugabo ukwo babivuga
Ahubwo ali urw'umugabo n'umugore
Nk'uko Immana kuva ikibarema
yabaresheshej e muli byose
No mu rukiko niko bigenda
Ntawe rero ufite ububasha
Bwo kwirukana undi muli urwo rugo
Niyo batanye ibyobijya bibaho
Bagabana ibintu byabo byose.
Nta bulyamirane bubilimo.
Gutsinda rero bifite aho biva
Bavuga yuko ali ugutinya.
Kuvuga izina lya Sebukwe
Kubera icyubahiro umufitiye.

.../...

Ibyo birasanzwe mu kinyarwanda
Umuntu wubaha uramutinya
Kuvuga izina lye bikakugora
Aliko kandi kuko mubana
Ntimwavugana utamuhamagara
Kuli iyo mpamvu rero mwumva
N'ubungubu hali abana
Baba batazi izina ly'iwabo
Waba umubajije ukwo se yitwa
yajya gusubiza ati: ni papali
Waba umubajije ukwo nyina yitwa
Yagusubiza ati: ni Mamali.
Urumva rero ibyo alibyo byose
Ko Ko babashakira uko babita
Umugore rero imbere ya Sebukwe
We ntamwita ko ali papali
Kubwo nibyo yalimwita
Akenshi ashaka akazina amwita
N'abandi bose bakalimwita
Ejo ugasanga Byaramuhamye
Aho ageze hose bakalimwita.

## IGICE CYA KABILI.

## UMUTEGARUGOLI MULI IKI GIHE.

### I. UMWANYA W'UMUTEGARUGOLI MULI IKI GIHE.

Haliho abantu benshi cyane
Bakibeshya ku bulyo bwose
Bavuga ko n'ubu umutegarugoli
Ali nta jambo akwiye kugira.
Abongabo rero balibeshya
Kuko bareba iby'abakera
Bagashaka kubikulikiza byose
Ngo ko babikoze ntibatubyare

..../...

Ukaba ureba tuli abagabo
Ubona dutaka n'agacurane.
Ngo umugore agomba gukora byose
Iby'urugo byose bikamureba
Yakosa nagatoya bakamukubita
Kuko iyo utamutoje kujya umukubita
Nibwo akunanira ntimushobokane.
Balibeshya balibeshya
Abo bakibona umugore mw'umuja
Bakamukoresha agatuna mbwene
Nk'aho badahuje uburenganzira
Abantu twese ubu turareshya
Ali umuzungu n'umwirabura
Ali umugabo ali umugore
Ali umuhungu ali n'umukobwa
Twesea dufite uburenganzira
Bwo kubaho neza ukwo tubishoboye.
Si nk'abakera umugore yali nk'umuja
Ukora iby'ategetswe nta gihembo
Agakora byinshi nta n'ishimo
Yakosa gatoya bakamudiha
Ntagire naho abarega na busa.
Umugore w'ubu afite agaciro
Afite ububasha nk'ubw'umugabo
Nta karusho nkáaka kera
Ngo umugabo agomba gutegeka
Umugore akubaha muli byose.
Ubwo bureshye buli mu Rwanda
Bufite abantu bwakomotse
Kuva gihanga yaruhanga
Umugore yarubahwaga mu Rwanda

Umugabo akamwubaha bigaragara
Aliko azi yuko amurusha ubwenge
Azi ko nta nama yamugira.
Ukwo amajyambere yiyongera
Abagabo bagenda bamenya ukuli
Kubera yuko ba Terebura
Igihe babigishaga iby'Immana
Bababwiraga yuko umugore
Afite ububasha nk'ubw'umugabo.
Bati: Immana irema umugore
Yahengereye umugabo asinziliye
Maze mu rubavu rwe rw'ibulyo
Irema mo umugore iramumuha
Ali ugushaka kuvuga yuko
Umugabo ntacyo arusha umugore we.
Abagabo babyumva nk'aka kanya
Bareka abakobwa bagana iy'ishuli
Baligaragaza bagera ahabona
Nubwo bali bakibitinya
Bamenya ubwenge kimwe n'abagabo
Nubwo bali mbarwa mu bandi
Ntibatinya kubikomeraho
Baliyongera bamenya byinshi
Bamenya kwandika no gusoma
Byali byarahariwe abagabo gusa
Ngo nta mukobwa ibyo wabimenya
Biga guteka bya kizungu
Baba abaforoma kwa Muganga
Bareka gutinya abandi bantu
Baha urugero abatageze mu ishuli
Babakurulisha ubwiza bwabyo
Maze barakunda baraliyoboka
Barajijuka kimwe n'abagabo
Ngo nyiramaso yerekwa bimwe.

.../...

Ahasigaye agashyiraho ake
Bumbura amaso nawe urebe
Urabona ahantu henshi mu kazi
Halimo abagore n'abakobwa
Nubwo yenda aliko bakeya
Twizeye ko ku butaha
Nabo bazajya biyongera
Tigafatanya gukorera igihugu
Nkuko n'ibindi tubifatanyije.
Uko mubibona rero namwe
Umugore w'ubu muli ikigihe
Afite ikintu arusha abongabo
Batungirwaga kubyara
Bakababakubita ubu bw'inyamaswa
Nkaswe yuko atali abantu .
Naho ubungubu ho turareshya
N'utabizi ubu nabimenye
N'akazi kenshi turagafatanya
Uretse yuko nyine na kamere
Ifite ikintu igenda ibuzaho
Bityo imwe n'imwe ntutuyihuze
Imilimo y'ingufu ikaba iy'abagabo
Iy'ubwitonzi ikaba iy'abagore
Naho indi isigaye bakayihuza.
Nko kujya kulira inzu uyihanika
Cyangwa gucukura nko muli mine
Usanga umugore atabishobora
Kubera imbaraga nke za kamere.
Naho kwigisha nko muli fuwayi
Biga gutaka utuntu twinshi
Hamwe n'ibindi nk'ibyo ngibyo
Bigomba isuku ihebuje
Usanga umugabo byamugora
Maze bigahalirwa madamazera.

.../...

Tutabiciyeho ukwo mubibona
Umugore mu Rwanda yateye imbere
Tugereranyije n'ibya kera.
Ubu abagore, abakobwa baligisha
Kwa Muganga urahabasanga
Mu biro iyongiyo ntibahatangwa
Muli za radiyo turabumva
Mu rugo umugore ahafite ijambo
Nta gikubitwa iza gapfabusa
Kuko ubutabera alicyo buroba.
Kuba ibyo byose rero biliho
Nta bwikanyige nka kera
Ngo umugabo ategeke
Umugore yumvire
Ali mubyo ashaka n'ibyo adashaka
Urumva neza ko ali intambwe
Umugore yateye muli iki gihe.
Hali n'ibindi ubu bitaraza
Twizeye yuko nabyo bizaza
Bityo amahoro agasakara
Mu mahoro menshi n'ubwigenge.
Umutegarugoli akishima
Nta gitsuli akorera nabusa.

2. UMWALI W'UBU.

Tuvuge ibintu tuvuge ibindi
Tuvuge umwali muli iki gihe
Arasa neza ateye ~~ix~~ ubwuzu
Niba ushaka icyo bahwana
Itonde urebe umuseke ukeye
Ugasanga awurusha ubwiza
Koko ngo isuku igira isoko
Aba akivuka ubwo agasukurwa.
Agatsinda avukira mu baganga
Bazi agaciro isuku ~~x~~ itumarira
Bakamusukurana ubwitonzi

.../...

Yaba akivuka akamenya amazi
Nyina akamwuhagira akili umwana
Akabimutoza akili mutoya.
Yamara gukura akagana ishuli
Nyine n'umwalimu nicyo ashinzwe
Akamutoza uwo muco mwiza
Wo kwisukura aho aliho hose
Wa mukobwa ibyo akabikurana.
Nubwo bose ataliko biga
Kuko amashuli akili makeya
Baha urugero abo batize
Bose ugasanga bisukura
Isuku rero niyo ibaranga.
Igihe rero akili mutoya
Arakora cyane afasha ababyeyi
Akavoma amazi agatashya udukwi
Agakora mbese icyo atumwe cyose
Aliko bamwe mulibo ntibabikurana
Bamara gukura bakabyanga
Ntibabe bajya gutashya udukwi
Ngo ntibagiye kwicwa n'ibiti
Ntibabe bajya kuvoma amazi
Ngo batavaho biyicira umudeli
Gukura ibijumba byo ntibabikozwe
Ngo batavaho bisiga amakakama.
Immana ni uko alibo bakeya
Abo bahinduka ibyigomeke
Kuko ubu Leta ibilimo cyane
Ikabirwanya ibihagurikiye
Bamwe ibashakira xxxx akazi bokora
Abandi ibatoza gukunda gukora
Kuko amashuli makuru ali make
Abenshi ntabwo yo bayageramo
Iyo barangije aya yo hasi

Ubu ay'ingoboka amaze gukwira
Naza fuwayi ziraba nyinshi
Abakobwa benshi ntibahatangwa
Nubwo abandi batahagiye
Usanga akenshi babihaye
Ngo ni ukuyaza ntacyo biga
Ubuze icyo akora ajya kuhiga
Aliko kandi impamvu yabyo
Usanga igituma babivuga batyo
Ali ukwo batazi akamaro kabyo.
Ahantu biga kudoda imyenda
Bakaba biga kumenya iby'urugo
Guteka neza bya kizungu
Kurera abana ukabasukura
Uwahatangwa yaba ameze ate?
Ni uko bamwe babihugiramo
Bamara kubimenya neza
Bagera imuhira bakahananirwa
Bakilirwa bidodera amashwete
Abandi bagiye guhinga
Ababyeyi bamwe batabyumva
Bakabahiga ngo ntacyo bakora
Ndetse limwe na limwe ibyo bakanabipfa.
No mu baturanyi bakabimenya
Abandi bakobwa batabyigeze
Naho bakamwita ngo ntacyo akora
Umukobwa wawe akabura icyo akora
Aho ageze hose bakamutwama
Ntawe umucira akali urutega
Yabura uko agenza akarubunga
Nibwo rero wumva ngo ni indaya
Ahanini abitewe no kuzigilizwa
Ali iwabo ntibamushaka

;../...

Kuko atabafasha mubyo bakora
N'akazi kandi ntiyakabona
Nta nashuli ahagije afite.
Nibwo afata inzira akajya mu mugi
Ngo agiye gusura mwene wabo
Yahura n'abandi bakamubeshya
Akabona kandi bo bishimye
Gusubira imuhira bikamuyobera
Cyakora nyine abo ni bakeya
Umwali w'i Rwanda arakiyubaha
Aremera akanambira imuhira
Igihe cyo kurongora kikazaza.

## 3. KUKI UBURAYA BWIYONGERA?

Ukwo amajyambere ashinga imizi
Abantu benshi bakajijuka
Bakifuza kubaho neza
Bava mu bitoki bagana iy'umugi
Ubuzima bukagenda bubakomerera
Ibibazo bikababana byinshi cyane
Abenshi rero ubwo bagata umutwe
Bagakora ibintu batatekereje
Bitawe nyine nibyo byose.
Bityo umukobwa agata ababyeyi
Bamubyaye bakanamurera
Bakamwitaho ali mutoya
Yamara gukura ati: ndabatorotse
Baye mu mugi kubaho neza
Maze kurambirwa kuba iwacu
Ukibaza ikintu kibimuteye
Kenshi bikakubera urujijo rwose
Nyamara akenshi impamvu iba ihali
Ngo agahinda k'inkoko
Kamenywa n'inkike yatoyemo

.../...

Nibyo rero ni amabanga
Bimenywa n'umuntu bagaaira.
Wa mukobwa agafata imodoka
Ngo agiye mu mugi gusura inshuti
Yaba akihegera akabura iyo agana
Ni umukobwa wo mu bitoki
Utamenyereye iby'umugi cyane
Yabona umuntu uwo aliwe wese
Ati: wandangira kanaka
Uowo yenda atazi n'akazi akora
Akenshi atazi n'igice aherereyemo.
Reka azahure n'abanyamugi
Maze bamubeshye agati gatulike
Amabandi yaho ntuyayobewe
Amukoze hilya amukoze hino
Ngo aramushakira uwo yabatumye
Reka umugoroba ulinde gushyika
Wa mukobwa abure aho arara
Ntawe ahazi ntawe umuzi
Uretse amabandi bakubitanye
Erega bamutware shi-shi itabona
Bamurarane mu kigunda
Bamucuze utwo dufaranga
Maze bamusige iheru-heru.
Bwacya mu gitondo akabura iyo ajya
Ndetse agatekereza gutaha
Kuko nta mpamba bikamushobera
Akiga rero ibyo gusabiriza
Yagusanga ufite nk'agacupa
Ukabona araje akuganiliza
Waba rero utamwirukanye
Akaba yakumaraho utuntu
Ali ubwiza gusa umureba.
Akamara iminsi atunzwe n'ibyo

Aliko anamenyera iby'ahongaho
Izindi ndaya ubwo bakamenyena
Zikamwakirana ibyishimo
Zikamusobanurira ibyazo
Ubuzima bwazo zikabutaka
Ziti: ntutinya gusaba rwose
Mbere ya byose kubaho neza
Ifiyeli lije ntulitangwe
Kugirango ukundwe bitakugoye.
Wa mukobwa yabareba
Agasanga ntacyo baganya na busa
Ati: aya ntayaciye naba ncuramye
Nk'aka kanya bikamutwara
Isoni akazijugunya nk'ejo
Maze umubare akawugwiza.
Uko mubyumva rero namwe
Ntawe uba indaya ali nta mpamvu
Bose bazi ko atali byiza
Aliko kandi amabura kindi
Bulya ngo yita ihene biheko
Iyo umuntu akenshi abajije indaya
Ati: ese wumva umerewe neza
Ko utagihinga ntucunaguzwe?
Inyinshi mulizo ziragusubiza
Ziti nta kiza kili muli ibyo
Ntacyo twungutse na gatoya.
Uti: ese ko nta nyungu muhavana
Mwasubiye imuhira mukitonda
Mugafasha ababyeyi imilimo.
Bati: gusubira imuhira ntitubyanze
Cyakora dusanga byaradusize
Kuko tuhagiye twahasebera
Kurusha no hambere tutaraza
Bigatuma rero tubyihorera.

~~Tukxxa~~

Tukibera mu migi y'ino
Aho kujya kwisekesha imuhira.
Ikintu cyose kigira impamvu
Niba indaya ziyongera
Ukabona umwali asize ababyeyi
Agiye mu mugi kwicuruza
Ntuzakeke ko ali ikindi
Bulya ngo umwana apfa mw'iterura
Ibyo by'uburaya byo biragoye
Kuko na kamere yabitera
Abantu bakeka impamvu nyinshi
Bamwe ngo ni uburere bukeya
Abandi ngo ni uburumbo bw'ubu
Abandi nabo ngo ni ubunebwe
Ngo ni uguta umutwe cyangwa ibindi
Abandi ngo ni uko ubu alibo benshi
Ababuze abagabo bakaziba
Ngirango koko urebye neza
Wasanga ali ibyo byose
Kuko batonye uburere bwiza
Ntibate iwabo ngo barubunge
Ngo ngaho niki babuze abagabo
-Abababuze bose niko bagenda?
Simbona abenshi batabikangwa
Bakagume iwabo bakabakorera
Bagashimishwa no kubareba
Bagashira iminsi itali mikeya
Wajya kumva ngo zanyowe
Ngo nyiranaka bamushyiguye.
Ubwo se impamvu yaba iyihe
Kubona ashaje akabona umugabo
Kandi abatoya badendeje?
Ni igihembo Imana igenera
Abayizigira bakitonda
Ntibiyandalike ahaliho hose.

Cyakora kandi tudakabije
U Rwanda rwali rukili rwiza
Abali bacu bakiyubaha
Tugereranyije n'ahandi.
Bali b'i Rwanda nimuhuguke
Nimwe babyeyi ejo dutegereje
Mubyitegurane ubwitonzi
Nimwilinde ubwo bwomanzi
Nimwe dukesha uburere bwiza
U Rwanda rw'ejo xmxk rukishima
Mu mahoro asabye ubušabane.

## 4. IKIBAZO CY'INKWANO KIGEZE HE?

Inkwano xx ni ikintu gikomeye
Ibyo birasanzwe mu kinyarwanda
Umusore wese ugiye gusaba
Agomba kujyana inka kwa sebukwe
Ni nayo rero bita inkwano
Cyakora rero mwumve neza
Si ikiguzi cy'uwo mukobwa
Mbese umuntu wamugura iki?
Ahubwo ni nk'urwibutso aha ababyeyi
Bamubyaye bakanamurera
Ngo nibareba iyo nka wakoye
Bajye bamwibuka bamusure.
Uti: kuki se umuhungu aliwe uyitanga
Kandi abakobwa ubu alibo benshi?
Impamvu umuhungu aliwe uyitanga
Ni uko umukobwa aliwe uva iwabo
Waha se urwibutso uwo muli kumwe
Igihe umushakiye wamubona?
Kuki se urwo rwibutso ruba ali inka
None atali ikiguzi uba utanze?
Ubutunzi mu Rwanda burahararambye
Kera amafranga atarazwira
Inka yali imbere muli byose

Alicyo kintu kingira akamaro
Wakunda umuntu ukayimugabira
Wahemba intwali ukayi-igabira
Washima umuntu ukayimushyira
Mbese byose ali inka ibikora
Ubutunzi bumaze gusakara
Kuko umugore ali ingira kamaro
Wajya kumusaba uli umutunzi
Inka ukayijyana muli izo nzira.
Kuko rero n'isuka ~~ifite~~ ifite akamaro
Ndetse no kurusha izo nka barata
Waba udatunze ibyo birasanzwe
Nawe ukajyana ikingira kamaro
Aliyo masuka aya dukoresha.
Hityo rero inkwano ziba izongizo
Atali ikiguzi cy'uwo mugore
Ahubwo ali ubucuti gusa ubikoreye
Ukwo ubutunzi bwiyongera
N'amafranga amaze gukwira
Amasuka agenda abamo makeya
Inka iba aliyo inkwano abantu bazi.
N'udatunze akajya kuyigura
Kugeza n'ubu niyo dutanga.
Uwo muco n'ubu nturacika
N'ubungubu niko bigenda
Aliko abenshi mu banyarwanda
Ntabwo twumva impamvu yabyo
Hakaba umubyeyi ufite umukobwa
Ati: Umwana wanjye ni mutumwinka
Alibyo rero byenda kuvuga
Ngo udafite inka ntamubonye
Agasa mbese nkaho amugura
Hakaba n'abandi bagabo nk'abo
Yazana umugore ati: ni uwange
Ni inka yanjye narayitanze

.../...

Umumburanya azaze hano.
Nangwa nabo ni abasaza
N'ubungubu haliho abasore
Batumva impamvu inkwano itangwa
Bati:Abakobwa ubu nibo bensh-i
Bali bakwiye kuba alibo bakure.
Bose rero baribeshya
Kuko iyo aba byali nk'ibyo
Se w'umuhungu yayitanze
Na se w'umukobwa ubwo akayitanga
(Ndetse ngo n'ahandi niko bigenda)
Maze bakaziha abana babo
Ngo bagire i-ntango nabo bakomere.
Ukwo mu Rwanda rero bimeze
Inkwano si ikiguzi cy'umugore
Ni urwo rwibutso ntakindi
Bikaba kandi umuco karande
Simbona impamvu twe twawureka.
Naho yenda itaba n'inka
Kuko ubu abenshi tutazitunze
Aliko kandi hakaba ikintu
Cyasimbura iyo nka batanga
Ho urwo rwibutso rw'umwana
Ngo ujye ururebe umutegereze
Nkuko akenshi inshuti dukunda
Tuyohererеza agafoto kacu
Nta gahato kali muli ibyo.
Niyo nkwano yaba nk'ibyo
Yaba ali inka cyangwa ikindi
Aliko nta gahato kabilimo
Kuko iyo hajemo agahato nyine
nibwo bihinduka ubuguzi nyine.
Ukwo kutumva akamaro kayo
n'impamvu itangwa kugeza n'ubu
Byica ibintu byinshi cyane

..../...

Nk'umusore akaba akunda umukobwa
Ndetse n'umukobwa akaba amukunda
Yajya gusaba bati: ni inka
Yaada umusore akayibura
Byose bikarangilira ahongaho
Na wa mukobwa akazagumirwa
Byose bitewe niyo nkwano.
Inkwano rero iradukomereye
Ali abahungu ali abakobwa
Kuko itubuza ibintu byinshi
Ikatubuza abo dukunda
Ikadutesha ubuzima bwacu.
Icyo kibazo rero cy'iyo nkwano
Cyali gikwiye gukemurwa vuba
Aho gukomeza kutuzigamira
Kandi ubundi kitanaruhije.

## 5.ABAKOBWA BAGUMIRWA BALIYONGERA.KUKI?

Abakobwa benshi muli ikigihe
Bahangayitswe niki kibazo
Cyane cyane abize amashuli
Kuko mbona akenshi alibo bagumirwa.
Nicyo ngicyo kikaba ikibazo
Kuki abakobwa bize bafite n'akazi
Usanga akenshi alibo bagumirwa?
Kuba kugumirwa byiyongera
Cyane cyane muli ikigihe
Nta gitangaza muli ibyo.
Impamvu zibitera nazo ni nyinshi
Abantu benshi bavuga yuko
Biterwa n'ubwinshi bw'abakobwa
Abandi ngo ni inkwano ibitera
Ngo ni ukwo guhalika ubu byaciwe
Ngo abasore b'ubu ntibakirongora

Cyangwa se baratinda .
Koko witonze ukagenzura
Wasanga byaba ali ibyo
Ni uko usanga nabyo bikomeye
Ubwo se udashoboye umugore umwe
Bitewe xkxxxxx akenshi n'ubukene nyine
Agize benshi yabashobora?
Ese ababatunze bamerewe bate?
Naho abavuga ko ali inkwano
Ubigenzuye nabyo ntibifashe
Kuko umukobwa afite uwo akunda
Ntibatanywa n'iyo nkwano
Ngo ejo azalinde anagumirwa
Kandi n'ababyeyi ntifuza
Ko umwana wabo yoherera aho.
Impamvu yabyo rero y'ukuli
Ni ukwo abakobwa ubu alibo benshi.
Naho ibyangibyo by'abafite akazi
Kandi bizo bazi xxwxgx ubwenge
Kuba bagumirwa kurusha abandi
Rwose usanga byo ali urujijo
So ikosa ahali lyaba ilyabo
Kuba basuzugura abahinzi
Bakabirengagiza bikabije
Ngo ntibabazi barabarenze
Kubavugisha ngo ni ugusebe
Babaramutsa ngo ntibabazi
Nkaho mbese atali abantu.
Nk'uwo muhungu se nyuma y'aho
Utazi kuvuga na xxxyxxx bonjour
Yatinyuka madamazera
Uyu wazobereye uzi igifransa?
Ngo amaboko ntareshya ntaramukanya
Abakobwa rero nk'abongabo
Biha gusuzugura abahinzi.

.../...

Kera uwasohokaga mu ntelina
Ng'uwo uwo bitaga umunyabwenge.
Ubu se ugirango niko bikimeze.
Niba rero ataliko bikimeze

Ibyo byatewe nigihe gihise
Bizamukana n'amajyambere
Kuva icyo gihe kugeza k'ubu
Ibintu byinshi byarahindutse
Kuki se ibyo gusaba byo byasigara
Kandi alibyo dukora twese.
Abandi rero k'ubulyo bwo kugumirwa
Bavuga yuko impamvu zabyo
Ali abakobwa biyongera
Abahungu rero ubwo ali bakeya
Nabo aliko kandi ntibabishake
Ntibabakwira ibyo murabyumva
Abasigaye rero ubwo baragumirwa
Ubwo se abongabo bo bagire bate?
Bajye se mu migi kubaho indaya?
Cya uburaya ni bubi cyane
Mbese Uwo wanga arakaba indaya
Ndetse na Leta ubu irazirwanya.
Kuko alizo zanduza abanyarwanda
Zikabatera indwara nyinshi
Abo bakobwa babuze abagabo
Aho kwiyandalikauko aliko kose
Nibagume iwabo barabakeneye
Bafashe imilimo ntabwo ihabuze
Babaruhure bo bayishoboye
Babashajishe mu byishimo
Aho guta umutwe ngo barubunge
Biyandalika biteye isoni.
Nibige imyuga iliho ali myinshi
Aho kuzerera bata agaciro
Bake iminani barayikwiye
Bayikoreshe ukwo babishoboye
Bibumbire hamwe bakore ikintu
Na Leta kandi izabibafasha
Bakore ikintu cy'ingira kamaro
&xxxgxx
Cyazamura igihugu cyacu.

## 6. ESE UMUKOBWA AKWIYE UMUNANI?

Kuki umubyeyi abyara abana
Ali abahungu ali abakobwa
Bakarerwa bose hamwe nk'abandi
Akabitangira ukwo abishoboye
Bamera gukura nabo bagakora
Bakamuruhura amaze gusaza
Igihe cyo gusha naoyo kikagera
Bose bagashake kujya mu rwabo
Na muhungu abone umunani
Ali isambu xxxxxx

.../..

ndetse n'ibindi
Naho umukobwa atahe urwa merembe
Nkaho we ntacyo yakoze nabusa.
Ahangaha rero hakaba ikibazo
Cihangayitse abali benshi
Cyane cyane muli ikigihe
Abakobwa benshi babura abagabo
Bitewe n'impamvu mwese muzi
Kuko abakobwa ubu alibo benshi.
Koko ibyo ngibyo niko bigenda
Aliko kandi ntitwibeshye
Ngo tubihubukire tutarebye
Impamvu usanga babikora batyo
Yego ahandi niko bigenda
Umwana wese abona umunani
Yaba umuhungu yaba umukobwa
Kuki mu Rwanda bidakorwa bityo
Ko numva nta kibi jye mbibonamo?
Ese aho byatugilira akamaro?
Yego ngo i Burayi niko babikora
Aliko umuzungu ni umuzungu
Afite ukuntu kwe abona ibintu
Bihwanye neza nabho atuye
Kandi bihuje nuko atunze.
N'umunyarwanda afite ukwo abibona
Nawe bikwiranye naho ali
Kimwe n'ibintu kandi atunze
Umunyarwanda si umuzungu
Si umuhinde si umurusi
Ni umunyarwanda wa kanyarwanda
Niwe uzazamura xxxxx igihugu atuye
Mbere y'abo bose babimufashamo
N'ubwo akeneye imfashanyo yabo.
Ubwo se umukobwa nawe umunani
Musanga byazamura igihugu cyacu?
Ubwo abahungu ubu badakwirwa
Alibo bonyine bayihabwa
Kuko amasambu ali make cyane
Ngaho abakobwa nibayihabwe
Maze turebe aho izaturuka
Cyangwa se akamaro bifite?
Yego bose barabyawe
Kandi ababyeyi barabakunda
Aliko kandi kubura uko agira
Ntabwo umukobwa abon-a umunani
Kuko we afite ukwo yagenza
Umugabo we azaba afite umunani
Naho yenda waba ali muto
Ubusabusa buruta ubusa busa.
Ako gasambu katamutunze
Nibakagabane maze turebe.
Aliko kandi mu kinyarwanda

.../...

Hali n'ikintu cyaturemaje
Rero ngo ni iby'abasokuruza
Kuba umubyeyi aba yarakureze
Ukili umwana ntacyo ushoboye
Mugihe ubyishoboreye nawe
Uli umusore we amaze gusaza
Kuki utamuruhura muli ako kazi
Ngo wishakire uwo munani?
Niba ushoboye kubyikorera
Simbona impamvu yabikubuza
Nawe ibyongibyo yaguhaye
Bikamusindagiza ubwo ashaje.
Kugutunga icyo gihe cyose
Kugeza yuko uba umusore uhamye
Ibyo ntibihagije ho umunani?
Nko kuba umuntu afite akazi
Afite umushahara wa buli kwezi
Ajya kuburana mu rukiko
Agataragiza uwo mukambwe
Yaramubyaye ndetse akamurera
Akamulihirira amashuli
Yamara gusokoka akamuburagiza
Ngo ni uko nta munani abonye
Nk'ibyo bintu wabivuga ute?
Yego umubyeyi mu gihe akize
Afite ubukungu amerewe neza
Simbona ukuntu ntabiguhaho
Mu gihe utabaye ikirumbo
Jye mbona umunani atali agahato
Ahubwo waba ali nk'infashanyo
Umubyeyi aha umwana we
Kugirango nawe ashinge urugo
Agire ifatizo, agire aho ahera
Mu gihe ababyeyi batishoboye
Kandi wowe ufite ilyo fatizo
Simbona impamvu wabacuza
Ngo ubanyage iby'abatunze.
Ikitwereka rero ko ali infashanyo
Ni ukwo umugore ubaye indushyi
Iyo atiyemeje kuba iw'umugabo
Cyangwa se umukobwa wagumiwe
Nabo uwo munani nyine bawubona
Kuko baba bakeneye iyo nfashanyo
Rero mu Rwanda ukwo mubireba
Kubera ubukene budukomereye
Umwali ntakwiliye uwo munani
Iyo yagize Imana akabona umugabo.
Ahubwo kubera ubwo bukene nyine
Umuntu wese ufite umushahara
Wamutunga atiliwe ahinga
Kandi agashobora kwizigamira

.../...

Ngo mu gihe avuyeho bimuyambe
Yarakwiliye kudahinga
Kugirango abandi nabo bakwime
Bashobora gutunga ubuzima bwabo
Naho ibyongibyo byo by'iminani
Umubyeyi washobora kubikora
Simbona ikintu cyabimubuza
Kandi ga n'ubundi niko bigenda
Yego umuhungu ahabwa byinshi
Aliko kandi ubigenzuye
Bulya n'umukobwa abona umunani
Kuko umunani ali nk'infashanyo
Ntabwo waba umerewe neza
Iy'umukwe wawe bicwa n'inzara
Ngo waje kutabafasha ukwo ubishoboye.
N'uwo rero ni imunani.
Mukobwa rero wabuze umugabo
Kandi nawe mugore warushye
Niba iwanyu bafite isambu
Uyifiteho xxxx uburenganzira rwose
Aka umunani uzawuhabwa.
Nawe mugore ufite umugabo
Mbere yo kugusubiza kuli icyo kibazo
Banza ujye iwanyu urebe ukwo bifashe
Musaza wawe ntaho atuye
Afite agasambu katamutunze
Kw'ikungira aratisha
Kw'ishora aratisha
Ndetse no kw'ibiba aratisha
Ubwo se mugabanye ku kalima ke
Urabona we yaba asigaye hehe?
Cyangwa jenda se ejo uraze
Muramukazi wawe nawe ubwo azaza
Utware ak'uwo musaza wawe
N'utahuka nimugoroba
Bati: umulima wawe bawuhinze
Maze nzarebe inyungu uzabonamo
Nimubitekereze murebe
Muzasanga ali ili n'ili
Niyo mpamvu rero mu kinyarwanda
Umugore atungwa n'umugabo we
Naho iby'iwabo bikaba iyabo
Nkuko nawe ubwe yabatura
Mu gihe abishoboye ntacyamubuza.

.../...

## IGICE CYA GATATU:

### IBYO ABATEGARUGOLI BIFUZA KUGERAHO MULI UYU MWAKA WABO.

### I. UBURESHYE BW'UMUGABO N'UMUGORE MU RUGO

Kimwe mu by'u Rwanda rurusha ahandi
Kili mu bylimena bituranga
Ni ukwo umutegarugoli wo mu Rwanda
Kuva na kera kwaXx Gihanga
Kugeza n'ubu muli iki gihe
Umugore yubahwa muli byose
Ntibamukeho ubuja na limwe
Ubu bwatuma bamunena
Ngo bamuhindure nk'inyamaswa
Ngo bamutunge ubu bw'amatungo
Ngo bamusuzugure bikabije
Ngo boye kumuha agaciro afite
Nkuko ahandi numva bivugwa
Ngo bamutungiraga kubyara
Kurera abana no kubahingira
Bakabakubita ubu bw'akabwana
Bakabakoresha ubu bw'ipunda
Bakababonamo n'ubucucu.
Mbese nkaho atali abantu.
Nabo mu Rwanda tuliyubaha
Tugaha umubyeyi umwanya akwiye
Tukamenya yuko ali umubyeyi
Bityo tukamwubaha muli byose
Mu Rwanda rero rw'abakera
Nubwo bamwe bajyaga gusa nk'abo
Bagakora nkaho ngo batareshya
Bo bali bazi ko ali abantu.
Bo icyo bakosaga muli ibyo
Ni ukwo bashakaga benshi
Ngo babashinge iby'urugo byose
Naho bo bilirwe bahogorora.
Cyakora na n'ubu nkabo baliho
Nubwo bagenda baba bakeya
Buhoro buhoro barajijutse
Bamenya neza umugore icyo alicyo
Ubu umugabo agisha umugore inama
Umugore nawe bikaba bityo
Urugo rugakunda rukamera ibiti
Ntiruhore mu migera nk'urudatuwe.
N'ubu rero muli iki gihe
Baliho abagabo batabyumva
Bagacunaguza abagore babo
Bakababakekamo abaja babo
Bakabajujubya bakabarembya

.../...

Ntibabe bagira icyo bavugana
Bagacagaguranа ahaliho hose.
Muli uyu mwaka w'abategarugoli
Icyo bifuza mbere ya byose
Ni ugushatwa uburenganzira
Ngo bareshye neza n'abagabo babo
Bubwo ibyo ali ibintu bisanzwe
Bashaka yuko bimenywa rwose
Ngo byo kuba ibintu byo mu magambo
Umunyarwanda wese, yumve ibyo alibyo
Ali umusaza ax uli hafi gupfa
Kimwe n'umwana uyu muto cyane
Niyiga kuvuga ase alibyo abanza
Ali umusore ugiye gusaba
Kimwe n'umwali ugiye gusabwa
Bizabe alibyo biba intego yabo
Bityo byo kuzilirwa bisubirwaho
Nkuko ubuhake butakirangwa.
Si ugutegeka abagabo babo
Ni ubwumvikane ubu busanzwe
Ubu bushingiye ku rukundo
Ubu budasuzugura undi muntu
Ngo ni ukwo yenda mutameze cyimwe
Cyangwa yenda se mutareshya
Bugisha inama umugore utunze
Aho kumukekamo ubucucu
Ngo umukoreshe kurusha indogobe
Kandi umudiha kurusha inshira
Mbese nkaho atali umuntu.

## 2. <u>AKAZI KAMWE KU MUGABO NKO KU MUGORE.</u>

Kuli ubungubu haliho ikibazo
Abali bibaza kibagoye
Bati: yego twungutse muli byinshi
Ntitugikubitwa nk'abakera
Dufite ijambo tuvuga mu rugo
Twamenye imyuga xxix myinshi dukora
Ndetse n'amashuli bamwe bayajyamo
Aliko iyo turebye akazi duhabwa
Dusanga tubyamirwa muli byinshi
Yego twigisha amashuli
Tuba ababforomo kwa muganga
Aliko ahandi ntituharangwa
Nko mu butegetsi ntituhagwira
Mu busilikare ho nta n'umwe
Kandi yenda twabishobora
Ubwo se murumva tutakilyamirwa?
Mugore mukobwa ubaza ibyo ngibyo
Koko wararebye ubibona ukwo
Aliko ntiwashoka impamvu yabyo

Wirengagije rero yuko

Iyo bashaka gutanga akazi
Icyo bareba mbere ya byose
Ali ukureba niba ubishoboye
Koko mu butegetsi ubigenzuye
Usanga abakobwa alibo bakeya
Impamvu rero ali ukwo bimeze
Ni ukwo abazungu ~~bajyx~~ bacyaduka ino
Amashuli yahaliwe abahungu gusa
Abakobwa bagitinya kugera ahabona
Ngo nta mukobwa wo kujya kwiga.
Dore ejo bundi niho bagiye
Aho bamenyeye akamaro kabyo
Nabwo babanza kuba bakeya
Bakisuzugura ngo nta kamaro.
Icyo gihe cyose rero batize
Abahungu ntibare bicaye ubusa
Ni nayo mpamvu muli iki gihe
No mu kazi hose alibo bakeya
Cyane cyane nko mu butegetsi
Ho hagomba abize cyane
Kandi nahoga barajya bajyamo.
Bategarugoli rero mwibaza mutyo
Ngirango igisubizo cyaba ali icyo
Ntimubibonemo ubulyamirane
Kuko ububasha bwo murabufite
Mu gihe mufite ubushobozi mu kazi
Kandi ga gutegeka si shinganwa
Kora icyo ushinzwe aho uli hose.
Se umuntu wese akoze icyo ashinzwe
Ugirango igihugu ntiicyazamuka
Bulya ga ibintu byicwa nicyo
Umuntu agateshwa gukora icyo aliho
Akiha kugenzura ibyo abandi
Bitamushinzwe bitamureba
Imilimo yose ikagwa aho ngaho.
Kora icyo ushinzwe aho uli hose
Naho icyo utumva uzajye ukibaza
Bityo tuzamure igihugu cyacu
Umuntu aho ali ahazamure
Bityo bikwire igihugu cyose
Ho kugira ahagara inyama.

3.IGISINGIZO CY'UMUTEGARUGOLI.

Umugore asanzwe ali nyampinga
Mu kinyarwanda ibyo birasanzwe
Niwe gicumbi cy'urugo rwose
Bajya bamwita umutima w'urugo
Abo ngasanga batibeshya
Niwe urugwizamo ubusabane
Niwe wakira inshuti zihaje
Niwe uzikurura zikahagwira
Zikabagenda zitijanwa
Zikifuza guhora zihali
Zita ku mugabo akamukunda

Yaba mu byago akamuvunavuba
Yagira umujinya akamwurura
Ibyishimo bakabifatanya
Yaba ashonje akabimumenyera
Yaba arwaye akamurwaza
Akamenya mbese icyo akenyne cyose.
Reka k'umwana we ni ibindi
Ataka agacurane ati: ndahekuwe
Yasitara ati: ntaraye
Yarwara umutwe bikaba ibindi
Byose abitewe n'imbabazi agira
Dore umuhingukaho utamuzi
Wabona ubwuzu akwakiranye
Ugata-ngira kwibaza ico mupfane
Yakubwira ko atanakuzi
Bikagutangaza bikabije
Bigatuma urushaho kumukunda
Ni umubyeyi ukunda bose
Ni umubyeyi usabye ubwuzu
Ni umubyeyi utanga imbabazi
Ikimuranga ni urukundo
Urugoli rwera rukaba ikamba
Reka nkurate ukwiye impundu
Reka ngutake utatse ubwiza
Uwavuga ibyawe ntiyabireka
Niwowe wubaka isi dutuye
Ugaha abana uburere bwiza
Urwo rukundo ukarubasaga
Ni wowe utanga amahoro kw'isi
Ubwumvikane n'urukundo.
Ukwiye kwubahwa muli byose
Muzakomeze uwo muco mwiza
Nimwe dukesha u Rwanda rw'ejo.